MUGINA



# L' ÉLÉPHANT

# CAHIER

APPARTENANT A

UNDIMWANA Alphonsine

UNDIMWANA ALphonsine

Secteur Rbati

Commune Rugina

# Devoir

## UKO NABAYEHO MU NTAMBARA YO MURI MATA 1994

HABYARIMANA amaze gupfa ku itariki ya Adibuka ko icyo gihe hari ku wa 3 Ubwo umuntu wese witwa umututsi yahise agira ubwoba.

Abantu bose baratangiye bakajya barara mu bisambu ndetse na mu masaka n'ahandi bashoboraga kubona ubwihisho.

Hashize iminsi mike tubona mu Bugesera harimo gutwika n'abantu benshi barimo guhungira muri Komine yacu

Mu gihe bagihunga hakurya yiwacu mu masegiteri Kiyonza na Cyeru nabo baratangiye batwika amazu y'abatutsi. Bamwe batashoboye guhunga barishwe, abandi bahise bahungira ku Kiriziya

Twebwe nabo twari duturanye twari tukiri mu ngo kuko muri Secteur yacu byari bitarahagera.

Haciyeho nk'iminsi 3 haza abantu b'interahamwe bari bambaye ibishangara n'imicaca ku maguru no ~~ku~~ maboko Abo bantu bigitaga abapawa bari bafite imbunda, imihoro, amacumu, imiheto n'imyambi.
Bageze ~~mu~~ ku isoko ryo hafi yiwacu

baranjira bararasa.

Tumaze kumva ayo masasu twahise tujya ku Kiriziya natwe n'abandi twari duturanye

Twasanzeyo abandi bari bahahungiye bari baturutse muli Komine ya RUNDA ~~na~~, NTONGWE

Hari n'abaturutse za Kigali no mu Bugesera.

Abo bose bari bahungiye kuriyo Kiriziya y'iwacu

Tumaze kuhagera ~~iminsi~~ hashira nk'iminsi nk'ibili intera hamwe zikazajya zizo kuduteza kugirango zitwice.

Iyo bazaga twishyiraga hamwe ubwo abagabo bagafata imihoro, amacumu, imiheto n'imyambi natwe abana, tugafata amabuye tukajya kubarwanya Twagira imana tukabona ~~baragiye~~ baragiye.

Bwaracyaga bakagera bakaza bakaturasa za Sitirimu na gerenade bamwe bagapfa

Nonaho bagabye igitero cya simusiga cyari kirimo Abarundi n'izindi nk Interahamwe zikomeye

bari bitwaje imbunda, imihoro, ntampongano, (ubuhiri) inkota ~~......~~, amagerenade n'ibindi.

Abo barundi babaga ahantu hitwa INYAGAHAMA muri Komine ya NTONGWE

Twageragerageje kubarwanya tubona ntituri bubashobore kuko bari benshi

Kandi natwe ntantege twari dufite kuko inzara yari maze kutwica, ibyo twari twahunganye byari bimaze kudushirana,

Twamaze kubona ko badusatiriye baturohamo amasasu na zagerenade

Bamwe bahise binjira mu kiziya ~~ab~~ abashoboye kwiruka bariruka.

Njewe na bagenzi banje twari twirukamwo tubonye ko bikomeye amasasu arimo araduca hejuru turirukanka tutazi iyo tugana twageze muri Secteur ya Nteko dutangira gutatana

Njewe nahise mfata inzira igana iwacu ngeze imbere mpura n'igitero cyari kirimo umuntu utari ufite imbunda ubwo bahise banshorera ngo ba njyane aho abandi bari bafashe ~~ngo~~ ~~bari bafashe~~ bari ngo bazinduke bajye kuturoha mu mazi

~~twa~~ baranjyanye tugeze imbere

imbere duhura na Conseiller wari uwiyo Secteur ya Mteko ansabira imbabazi ngo nibandeke nigendere

Naragiye njya muri Secteur yacu njyo aho twari dutuye nsanga barahasenye thabaye amatongo ibintu byose barabisahuye.

Naragiye njya mu masaka ~~nihisha~~ yahantu twari dutuyanye nihishamo inzara imaze kunyica numva ngiye gupfa nagiye kurukuwo rugo banyaga ibyo kurya n'amazi nsangayo na mushiki wanjye ariho yihishe barakomeje baraduhisha batazajya baduha ibyo kurya.

Ubwo njyewe nahihishe iminsi mike mama nawe yari akiri ho yomvishe ko ndiho aza kunjyana ngo twifatishanye aho yari ari.

twajyanye aho yari yihishe nsanga yo na mukuru wanjye

Uwo rugo bari bihishemo twarahageze ~~dusanga~~ bakuga ko turi benshi batashobora kuduhisha baransabira ahandi nihisha nahara y rimwe bukeye njya kwa mukuru wanjye wari warashatse ~~mu~~

bahutu naho naharaye rimwe
~~kuko naho hahoraga haza ibitero bishaka~~
kuko byari bimezendabi naho hahoraga
haza ibitero bishaka kumujyana

nabo bahise banshakira aho nihisha
kurugo rwari hafi yaho

Aho nahabaye igihe kirekire kugeza
ubwo bahunze bansiga munzu
nagize ubwobaizu nyirano ndaza
mukoro nyja aho umukoro wanyje
yari ari turagumya tuhishanye kugeza
ubwo inkotanyi ~~zijye~~ zihageraye.

UKO ABANTU BIWACU BAPFUYE

---

Papa wanjye yitwaga SAKINDI Léonard
we ntabwo namenye uupfuye neza
Ariko nakomeje kubaririza bambwira
ko yaba yaragiye kwihisha abantu
maze bamubonye bahita bamwica
bamujugunya mu wese

Mama we yakomeje kwihisha ariko
biba ibyubusa doore ko ~~ba~~ bamwishe
nu mpera z'ukwezi kwagatanu

inkotanyi zendaga kumugeraho ngo zimutabare bamwishe ari kuwakagatanu bukeye kuwa gatandatu inkotanyi ziba zahageze

Igitero cyamukuye ahantu yari yihishe imyenda bari barayimumazeho asigaranye akajipo n'agapira ~~[illegible]~~ baramuzamukanye bagenda bamukubita ngo nababwire ukuntu yajyaga IKINIHIRA ngo n'ukuntu yatangaga umusanzu w'inkotanyi.

Bamugejeje ku kigo ~~[illegible]~~ cy'amashuli kili hafi yiwacu hari igisarane kirekire bajugunyagamo abantu niko baramufata ~~bamuc~~ bamukubita impiri baramwica barangije bakimu jugunyamo.

KIWANUKA Alphonse we yarihishe inta mbara igobye hagati abona ari ntamahereza kuva aho yari yihishe ajya mu matongo yiwacu aragenda yicaramo interahamwe zaraje zi mukuramo zimugiyana ku isoko ahantu hari icyobo batagamo abantu ~~zi~~ zimugejejeyo ziramufata zimukubita ubuhili zimunagamo

akili muzima barangije bamunagaho umubuye mumutwe arapfa.

UWAMUYIRIGIRA Marie we igitero cya

Muxumbuye aho yari yihishe kira mufata kimujyana nawe ku isoko ahantu bajyaga gunyaga [illegible] abantu

Yari afite n'umwana barabanza bamujugunya. nyamo ari muzima barangije nawe bagamufata bamutera inkota mugatuza arapfa nawe bamujugunya muri iyo cyobo.

MUKABAYOJO Sipesiose we bamutemaguriye kukiliziya,

MANYIFIKA MARIE JEANNE: we bamute-magurije ku kiliziya ariko ntiyapfa

ajya kwihisha ahantu bamushakira imiti bakajya bamushyiriraho ibikomere birakira yakomeje kwihishahisha bigezaho nawe bamuvumbura aho yari yihishe mu rubingo ad yari yihishanye n'umugabo twari duturanye witwaga RUTAYISIRE

baràbajyanye bagenda bababakubita

babajyana ku cyobo cyari munsi y'i
~~Kwirindo~~ y'ivuriro barabafata
barabatema babajugunyamo.

Ubundi ibyo nanuga ni byinshi.
ariko ndekeyaho

Murakoze

The remaining pages of this booklet were blank and are not included in this digital reproduction.